IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 27 MUTARAMA 2013.

Ku Cyumweru tariki ya 27 Mutarama 2013, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Innovation Center" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo idasanzwe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Bwana ZINARIZIMA Diogène, amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 24 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Iyo nama yatumiwemo kandi yitabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakuru b'imirimo ku Karere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abitabiriye inama ingingo ziri bwigweho zikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyamagabe y' umwaka wa 2012-2013.
2. Gusuzuma no kwemeza" tariff " y'imisoro n'amahoro hashingiwe ku Iteka rya Perezida rishya.
3. Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Umugore, Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage ku mafaranga yakwa mu bigo by'amashuri.
4. Kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu ku ngamba zo kongera ibikorwa by'ishoramari mu Karere.
5. Kungurana ibitekerezo ku madosiye asaba aho gukorera mu Karere ka Nyamagabe.
6. Kungurana ibitekerezo ku byatuma abakozi b'Akarere barushaho gutanga umusaruro.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibiri ku murongo w'ibyigwa; bemeje ku bwumvikane busesuye ko ingingo ya 4 yo kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu ku ngamba zo kongera ibikorwa by'ishoramari mu Karere isubikwa ikazigwa mu Nama Njyanama iteganyijwe mu gihe cya vuba; bitewe n'uko Komisiyo itabonye igihe gihagije kugira ngo irangize kunonosora ibirebana n'iyi ngingo nk'uko yari yabisabwe n'Inama Njyanama isanzwe yateranye ku wa 20 Mutarama 2013.

I. GUSUZUMA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI IVUGURUYE Y'AKARERE KA NYAMAGABE Y' UMWAKA WA 2012-2013.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bahawe ijambo bageza ku bagize Inama Njyanama ibigaragara mu ngengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2012-2013. Komite Nyobozi y'Akarere yagaragaje ko ingengo y'imari yemejwe n'Inama Njyanama y'umwaka wa 2012-2013 yanganaga n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari icumi, Miliyoni Magana atandatu na cumi n'enye, Ibihumbi Magana inani na mirongo itandatu na kimwe na Magana inani mirongo irindwi n'abiri (10,614,861,872frw) none mu kuyivugurura hakaba hiyongereyeho amafaranga y'u Rwanda angana na Miliyoni Magana atatu n'ebyiri, Ibihumbi Magana cyenda na mirongo irindwi na bitandatu na Magana arindwi na mirongo ine n'atanu y'amafaranga y'u Rwanda (302,976,745 frw) . Abagize Inama Njyanama bamaze gusobanukirwa n'impinduka zabaye ku ngengo y'imari, bemeje ku bwumvikane busesuye ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye y'umwaka wa 2012-2013 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari icumi, Miliyoni Magana cyenda na cumi na zirindwi, Ibihumbi Magana inani na mirongo itatu n'umunani na Magana atandatu na cumi n'arindwi (10,917,838,617 frw).
N.B: Ingengo y'imari ivuguruye iri ku mugereka w'ibi byemezo.

II. GUSUZUMA NOKWEMEZA" TARIFF "Y'IMISORO N'AMAHORO HASHINGIWE KU ITEKA RYA PEREZIDA RISHYA.

Abagize Inama Njyanama bamaze gusobanurirwa na Komite Nyobozi ibikubiye muri tariff y'imisoro n'amahoro basanze byarateguwe hakurikijwe Iteka rya Perezida rishya n^0 25/01 ryo ku wa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze maze bemeza iyo tariff ku bwumvikane busesuye nyuma yo kuyunguranaho ibitekerezo.Abagize Inama Njyanama bemeje kandi ku bwumvikane busesuye ko mbere yo gushyira mu bikorwa ibikubiye muri iyi tariff, ubuyobozi bw'Akarere buzabanza kuyisobanurira abo bireba.

N.B: Tariff y'imisoro n'amahoro yemejwe iri ku mugereka w'ibi byemezo.

III. GUSUZUMA NO KWEMEZA RAPORO YA KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UMUGORE, URUBYIRUKO, UMUCO, SIPORO N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE KU MAFARANGA YAKWA MU BIGO BY'AMASHURI.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho n'abagize Komisiyo y'iterambere ry'umugore, urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage raporo igaragaza amafaranga yakwa mu bigo by'amashuri ya Leta n'afatanya na Leta; bayunguranyeho ibitekerezo maze ku bwumvikane busesuye bemeza amafaranga yakwa ababyeyi ku mwaka mu bigo by'amashuri ya leta n'afatanya na leta ku buryo bukurikira:

No	Items	Primairy School	9 & 12 YBE	Secondary School (Boarding School)
01	Inscription	0	0	0
02	School fees	0	0	130000
03	Uniform	0	0	10000
04	School sweater	0	0	3500
05	PTA/Prime	0	6000	15000
06	Paper	0	0	0
07	Student card	0	300	300
08	MUSA	0	0	3000
09	Assurance	600	600	1200
10	Caution	0	0	3000
11	Insignia	0	500	500
12	School report	50	100	0
13	Registration to National Exam	0	3000	3000
14	Photocopy for exam	0	0	0
15	Test for P6, S3 and S6	300	900	900
16	Discipline card	0	200	200
17	School feeding	9000	10500	0
18	Communicatio n booklet	0	0	0
19	School development	0	1000	2000
20	Accommodatio n outside the school	0	0	9000
21	Meals during the national exam on period	0	6000	0

NB: -Umunyeshuri yakwa gusa amafaranga ya servisi yahawe.
-Ku byerekeranye na "school development", abari mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'ubudehe ku banyeshuri biga muri 9 YBE na 12 YBE barasonewe.

-Aya mafaranga ni amenshi ashoboka (maximum) uwajya hasi nta kibazo.
-Abayobozi b'ibigo bari batse arenze aya yemejwe bagomba gukora "adjustement" ku gihembwe cya 2 n'icya 3.
-Amafaranga ya "school feeding" areba gusa aho bagaburira abanyeshuri (primary , 9& 12 YBE) kandi ni "contribution" y'iminsi 2 kuko iminsi 3 ari iya PAM.
-Haramutse hagaragaye andi mafaranga akenewe atavuzwe, ubuyobozi bw'ikigo bubanza kubisaba Ubuyobozi bw'Akarere mbere y'uko bishyirwa mu bikorwa.

IV. KUNGURANA IBITEKEREZO KU MADOSIYE ASABA AHO GUKORERA MU KARERE KA NYAMAGABE

Abagize Inama Njyanama bagejejweho na Komite Nyobozi y'Akarere amadosiye anyuranye asaba aho gukorera mu Karere; bayunguranaho ibitekerezo maze bemeza ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira:

- INDASHYIKIRWA MUSHUBI SACCO itijwe inzu yasabye iri mu Kagari ka Gashwati Umurenge wa Mushubi ngo iyikoreremo igihe cyose izaba ikora nka SACCO nk'uko babisabye mu ibaruwa Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi ya INDASHYIKIRWA MUSHUBI SACCO yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe.
- Hakurikijwe uko amabwiriza agena itangwa ry'ibibanza abiteganya; URUMURI RWA MUSANGE SACCO ruzahabwa ikibanza cyo kubakamo inzu yo gukoreramo nk'uko babisabye mu ibaruwa Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi y' URUMURI RWA MUSANGE SACCO yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe.
- Ku kibazo cya MURERAMANZI Emmanuel na MUTAGOMA Felix hamwe n'ikibazo cya INGABIRE Blaise basaba ingurane y'ibibanza bari bahawe n'Ubuyobozi bw'icyahoze ari Umujyi wa Gikongoro, abagize Inama Njyanama bamaze kubyunguranaho ibitekerezo bemeje ku bwumvikane busesuye ko izo dossiers zizabanza gusuzumwa na Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko ifatanyije na Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere maze raporo yabyo ikazashyikirizwa Inama Njyanama isanzwe iteganijwe muri Gicurasi 2013 ari nayo izabifataho umwanzuro.

V. KUNGURANA IBITEKEREZO KU BYATUMA ABAKOZI B'AKARERE BARUSHAHO GUTANGA UMUSARURO.

Abagize Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo ku byakorwa kugira ngo abakozi b'Akarere barusheho gutanga umusaruro; maze ku bwumvikane busesuye bemeza ibigomba gukorwa mu rwego rwo kongera umusaruro w'abakozi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

N°	URWEGO RW' UBUYOBOZI	ICYAKORWA	ABABIGIRAMO URUHARE	IGIHE
1	AKAGARI	Gukomeza gukurikirana ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari batura aho bakorera.	Komite Nyobozi	Buri gihe
		Kongera amahugurwa yafasha abakozi kurushaho gutanga umusaruro .	Komite Nyobozi	Igihe bibaye ngombwa
		Kwimurira ahandi abakozi bashobora kuba bafite ibibazo	Komite Nyobozi na Biro	Igihe ari

		by'aho bakorera bikaba byababera inzitizi yo kurangiza inshingano zabo neza.	y'Inama Njyanama.	ngombwa
2	UMURENGE	Kongerera abakozi amahugurwa yabafasha kurushaho gutanga umusaruro .	Komite Nyobozi	Igihe bibaye ngombwa
		Kwimurira ahandi abakozi bashobora kuba bafite ibibazo by'aho bakorera bikababera inzitizi yo kurangiza inshingano zabo.	Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama	Igihe ari ngombwa
		Guhindura abakozi bashobora kuba bamaze igihe kirekire aho bakorera, mu rwego rwo kugirango barusheho gutanga umusaruro	Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere	Igihe ari ngombwa
		Kugira gahunda y'akazi ya buri munsi n'iy'icyumweru kandi ikubahirizwa n'umukozi wayiteguye usibye igihe haba hari ibyihutirwa bitunguranye.	Ubuyobozi bw'umurenge n'abakozi b'Umurenge	Buri gihe
		Gukomeza gukurikirana ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge batura aho bakorera.	Komite Nyobozi	Buri gihe
3	AKARERE	-Guha abakozi amahugurwa ya ngombwa akenewe -Kugeza uburyo bw'itumanaho bwihuse kandi buhendutse ku nzego zose z'ubuyobozi -Kugira gahunda y'akazi ya buri munsi n'iy'icyumweru kandi ikubahirizwa usibye igihe haba hari ibyihutirwa kandi bitunguranye.	Komite Nyobozi Komite Nyobozi Ubuyobozi bw'Akarere n'abakozi ku Karere	Igihe hari ubushobozi Igihe hari ubushobozi Igihe cyose

Inama yatangiye imirimo yayo saa yine n'iminota makumyabiri n'itanu z'amanywa (10h25) iyisoza saa kumi n'iminota mirongo itatu n'irindwi (16h37).

Umwanditsi w'inama

AYINKAMIYE Donatille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'inama

ZINARIZIMA Diogène
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe